Bibiliya y'abana
irerekana

Imana igerageza urukundo rwa Aburahamu

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.

Ijoro rimwe Imana iha Aburahamu itegeko ritangaje. Kwari ukugerageza Aburahamu niba akunda umwana we Isaka kurusha Imana.


"Fata umwana wawe
umutangeho igitambo"
Imana niyo itegetse.
Gutanga Isaka?
Gutanga umwana we
ho igitambo? biragoye
kuri Aburahamu.
Akunda umuhungu
we cyane.

Ariko aburahamu
yari yarigishijwe
kwizera Imana, n'igihe
adasobanukiwe. Mu gitondo
ajya ku musozi kosa igitambo we
na Isaka n'abakozi
babiri.

Mbere yo kugenda,
Aburahamu yasa inkwi
zo kosa igitambo.
Aburahamu
yagambiriye
kubaha Imana.

Nyuma y'iminsi itatu bagera k'umusozi. "Mugume aha". Aburahamu abibwira abagaragu be. Tugiye gusenga Imana turabasanga aha.
Isaka yikorera inkwi Aburahamu ajyana umuriro n'umushyo.

"Umwana w'Intama w'igitambo cyoswa urihe"? Isaka arabaza. Imana ubwayo iratanga umwana w'intama. Aburahamu arasubiza.

Bombi bagiye aho Imana yateguye. Aburahamu yubakayo igicaniro nyuma yararikaho inkwi zo gutwika igitambo imbere y'Imana.

Aburahamu yari yarubatse ibicaniro byinshi. Ariko iki cyo cyari gikomeye kubaka.

Aburahamu yahambiriye Isaka umwana we akunda amurambika ku gicaniro. Aburahamu yubashye Imana ye yemera gutanga umwana we w'ikinege akunda ho igitambo?




Umushyo we wari utyaye awurebesha hejuru. Umutima we waba wari uhagaze ariko yari azi ko agomba kubaha Imana.

"Rekeraho!" bivugwa n' umumarayika w'Uwiteka. "Ubu menye ko utinya Imana. Ntabwo wanze umwana wawe w'ikinege ariwe wanjye."

Abona imfizi y'intama mu gihuru, aburahamu ahambura Isaka atanga imfizi y'intama mu mwanya we.

Isaka ashobora kuba yaratekerezaga ati: "Imana niyo iyitanze nk'uko data yabivuze."

Mu gihe umwana na se baramyaga Imana, umumarayika w'Imana abwira Aburahamu. "Mu rubyaro rwawe amahanga yose azabonera umugisha muri wowe kubera ko wanyumviye." Yesu azavuka m'urubyaro rw' Aburahamu.

Aburahamu na Isaka batashye iwabo. Nyuma y'igihe kirekire, habaye agahinda. Sara yarapfuye. Aburahamu yapfishije umugore na Isaka apfusha nyina.

Amaze guhambwa,
Aburahamu yohereza
umukuru w'abagaragu be
gushakira Isaka umugore.

Umugaragu asubira
mu gihugu cyabo cya
kera gushaka mo umugore
mu ba hafi y'umuryango
wa Aburahamu.

Umugaragu yasabye Imana ikimenyetso. Umuntu ugaburira ingamiya zanjye amazi yokunywa azabere Isaka umugore mwiza. Rebeka ahita yuhira izo ngamiya n' amazi yo kunywa. umugaragu yahise yumva ko Imana yamuhaye igisubizo.

Rebeka yavuye mu muryango we ashakana na Isaka.
Yamufashe neza nyuma y'urupfu rwa nyina.

Imana igerageza urukundo rwa Aburahamu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

itangiriro 22-24

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16